# IMFASHANYIGISHO YA 07 : GUKORESHA NEZA IMITI MU BUHINZI BWA KAWA


Ni byiza ko abahinzi bamenya gukoresha neza imiti yica udukoko mu ikawa kugira ngo barinde ubuzima bwabo n'ibidukikije, bagire umusaruro mwiza n'ubwiza bw'ikawa, kandi bagabanye ikiguzi cy'imiti. Imikoreshereze myiza y'imiti ifasha kandi kurwanya kwihindura kw'udukoko, bigahora byoroshye kubirwanya mu bihe biri imbere, bikanateza imbere ubuhinzi burambye kuko umurima ugumana uburumbuke, hakanabungwabungwa urusobe rw'ibinyabuzima by'ingirakamaro

**Igisobanuro cyo gukoresha neza imiti y'ibihingwa**

Gukoresha neza imiti yica udukoko bisobanura kuyikoresha mu buryo bukwiye kandi buboneye—gukoresha umuti ukwiye, mu rugero rukwiye, ku gihe gikwiye, no mu buryo burinda ubuzima bw'abantu, inyamaswa, imyaka n'ibidukikije. Ikirango cy'umuti (Label) cyateguwe kandi kigizwe n'amakuru yose akenewe kugira ngo umuti ukoreshwe mu buryo butekanye. Kugipapuro gifunitse icupa ririmo umuti uhasanga makuru atandukanye akurikira :

- Izina rijyanye n'ubucuruzo
- Amazina yerekana ibigize uwo muti
- Uko umuti ukoreshwa
- Ibirimo
- Itariki wakoreweho n'itariki uzasarizaho
- Ibara hamwe hamwe n'amashusho afite ibisobanuro hasi ku gishushanyo.

**Ibimenyetso bishushanyije byerekana uburyo bwo gukoresha neza imiti irinda ibihingwa**


| Ibimenyetso biburira | Igikorwa |
|---|---|
|  | Uburyo bwo gufatamo umuti wa mazi ukarishye |
|  | Uburyo bwo gufata umuti w'ifu |
|  | Gutera imiti |
|  | Ni mubi cyane ku amatungo |
|  | Ni mubi cyane ku mafi; ntuwumene mu biyaga, imigezi, ibyuzi cyangwa utugezi duto |

Mugihe umuhinzi adasobanukiwe neza amakuru yo gukoresha umuti urwanya indwara n’ibyonnyi, ni byizako ko abaza agronome cyangwa se agasobanuza umucuruzi w’imiti n’inyongeramusaruro agiye kuguriraho.



| Icyiciro | Ibisobanuro | Amagambo ari ku byapa | Ibara rigaragaza urugero rw’ubukana bw’umuti wica udukoko |
|---|---|---|---|
| Ia | Ingaruka mbi ziri kurwego rwo hejuru cyane | Ni bibi cyane,ubumara, ikimenyetso cy’agahanga n’amagufwa abiri asobekeranyije | |
| Ib | Ingaruka mbi ziri kurwego rwo hejuru | | |
| II | Ingaruka mbi ziri kurwego rugereranyije | Itonde/byakugirira nabi | |
| III | Ingaruka mbi ziri kurwego rwo hasi | Ubikoreshe neza witonze | |
| IV | Bidafite ingaruka mbi mu gihe bikoreshejwe bisanzwe | Koresha neza | |

**Ibimenyetso by’amashusho bigaragaza uburyo bwo Gukoresha Neza no Gufata neza Imiti ikoreshwa mu kurinda imyaka**

**Ibimenyetso bigaragaza ubukana bw'imiti**

| **Ibishushanyo bigaragaza ingaruka mbi z'imiti n'uburyo ibikwa** | **Ingaruka mbi z'imiti** |
| --- | --- |
|   | Uyu muti ufite ubumara (bivuga ko ushobora kukwica) |
|   | Uyu muti ushobora ku kunukira nabi cyane wa na kugutera uburwayi |
|  | Uyu muti ushobora gutwika imyenda wambaye ikagira imyenge n'ibindi |
|  | Uyu muti ushobora gufata umuriro |
|  | Bika uyu muti ahantu hafunze abana badashobora kugera |


**Gusobanukirwa ingaruka za turuka mu gukoresha nabi imiti, n'uburyo wakwirinda**

| | |
|---|---|
| **Imiti yakwinjira mu mubiri inyuze mu**<br>Guhumeka, iciye mu mazuru |  |
| Kwinjirira mu ruhu |  |
| Mu kanwa (Kunywa itabi, Kunywa ibinyobwa, kurya) |  |
| **Imyambaro yo kwikingira ikoreshwa ni:**<br>▪ Bote<br>▪ Uturindantoki<br>▪ Uturinda ubuhumekero<br>▪ Uturindamaso<br>▪ Ingofero<br>▪ Igisarubeti |  |

**Ibyo kwitwararika mugihe havangwa kandi haterwa imiti**

| | |
|---|---|
| ▪ Koresha imyambaro y'ubwirinzi yabugenewe. Soma ku cyapa kiri kw'icupa umuti urimo<br>▪ Ntukambare imyenda yangiritse niyo yaba yarabugenewe<br>▪ Tera umuti hakiri kare cyangwa ku mugoroba igihe hadashyushye cyane.<br>▪ Ntukarye, ntukanywe cyangwa ngo unywe itabi mu gihe ufite umuti wica udukoko.<br>▪ Ntugakoreshe intoki mu gihe cyo kuvanga umuti!<br>▪ Ntugahuhe nu munwa wagatwe k'ipompo igihe kazibye. Koresha akaroso.<br>▪ Ntugatere umuti igihe hari umuya |  |

**Ibyo kwitwararirka nyuma yo gutera umuti/**

| | |
|---|---|
| ▪ Oga mu ntoki no mu maso ukoresheje amazi n'isabune ako kanya ukirangiza gutera umuti.<br>▪ Imyenda y'ubwirinzi yabugenewe yimese ukwayo.<br>▪ Amazi wakoresheje umesa cyangwa woga wiyamena mu tugezi duto cyangwa mu biyaga.<br>▪ Sukura imyenda yose yagenewe guterana umuti.<br>▪ Sukura ibikoresho byose nurangiza ubibike neza |  |

**Kugura, gutwara, kubika no gufata neza ibikoresho byavuyemo imiti/**

| | |
|---|---|
| ▪ Gura umuti wa nyawo.<br>▪ Wigura umuti udafunitse neza.<br>▪ bika umuti ahantu udahurira n'abagenzi, ibiribwa n'amatungo.<br>▪ Imiti irinda ibihingwa igira ingaruka mbi igihe itabitswe neza.<br>▪ Soma ku cyapa kiri kw'icupa ku bijyanye n'amabwiriza y'ukuntu ibikwa.<br>▪ Bika buri gihe umuti ahantu hafunze utagira aho uhurira n'abana, amatungo, ibiribwa n'amazi. |  |
| ▪ Amacupa yashizemo umuti agomba kozwa kenshi mu ipompo y'umuti, bigapfumurwa, akumishwa maze akajugunywa mu mwobo cyangwa agatwikwa.<br>▪ Ntukongere gukoresha icupa ry'umuti ryakoreshejwe.<br>▪ Ntukajugunye icupa ry'umuti mu yindi myanda |  |